**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urubanza N°: MICT-22-124

Itariki: 30 Gicurasi 2025

Umwimerere: Icyongereza

**PEREZIDA WA IRMCT**

**Umucamanza:** **Graciela Gatti Santana, Perezida**

**Gerefiye:** **Abubacarr M. Tambadou**

**Itariki:** **30 Gicurasi 2025**

**URUBANZA RWA**

**FRANÇOIS-XAVIER NZUWONEMEYE**
**PROSPER MUGIRANEZA**
**PROTAIS ZIGIRANYIRAZO**
**ALPHONSE NTEZIRYAYO**
**ANDRÉ NTAGERURA**
**INNOCENT SAGAHUTU**

***INYANDIKO ITARI IBANGA YAKUWEMO IBIGOMBA KUGIRWA IBANGA***

# ICYEMEZO KU CYIFUZO CY'ALPHONSE NTEZIRYAYO GISABA KO HATANGWA ITEGEKO RYO GUTANGA AMAKURU Y'INYONGERA

**Abavoka bunganira Abantu bimuriwe muri Nijeri**

Peter Robinson wunganira François-Xavier Nzuwonemeye

Kate Gibson wunganira Prosper Mugiraneza

John Philpot wunganira Protais Zigiranyirazo

Iain Edwards wunganira Alphonse Nteziryayo

Philippe Larochelle wunganira André Ntagerura

Jean Flamme wunganira Innocent Sagahutu

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NJYEWE**, **GRACIELA GATTI SANTANA**, Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Perezida" na "IRMCT", uko bikurikirana);

**NIBUTSA KO**, ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, nategetse Gerefiye wa IRMCT ("Gerefiye") ibintu birimo: (i) gukomeza ibikorwa bigamije gushakira igisubizo kirambye ikibazo cy'abantu Urukiko rwemeje ko ari abere cyangwa bafunguwe nyuma yo kurangiza ibihano byabo, bimuriwe muri Repubulika ya Nijeri ("Abantu bimuriwe muri Nijeri" na "Nijeri", uko bikurikirana); (ii) gushyira muri dosiye y'urubanza incamake igaragaza ibikorwa we n'Ibiro bye ("Ibiro bya Gerefiye") bakoze mu mwaka wa 2022 mu gushakira umuti ikibazo cy'Abantu bimuriwe muri Nijeri; no (iii) kujya atanga, buri minsi 60, amaraporo agaragaza ibyo akora mu gushakira umuti ikibazo cy'Abantu bimuriwe muri Nijeri, mu rwego rw'inshingano IRMCT ifite yo kubitaho[1];

**MAZE KUBONA** raporo ya 13 n'iya 14 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri zerekeranye n'ikibazo cy'Abantu bimuriwe muri Nijeri[2];

**MAZE KUBONA** Imyanzuro Alphonse Nteziryayo ("Nteziryayo") yatanze ku itariki ya 20 Gicurasi 2025, aho ansaba gutegeka Gerefiye gutanga inyandiko y'inyongera kuri raporo ya 14, ivuga ku bibazo byerekeranye [BYAKUWEMO][3], birimo: (i) kumenya niba Gerefiye yaravuganye n'abayobozi bo muri Nijeri ku kibazo [BYAKUWEMO] n'igihe bavuganiye; (ii) ibisubizo bamuhaye, niba bihari; n' (iii) ibyo Ibiro bya Gerefiye byakoze mu rwego rwo gukurikirana ibyerekeranye n'ibintu byasabwe ariko bitatanzweho igisubizo, by'umwihariko [BYAKUWEMO][4];

**MAZE KUBONA KO** mu byashingiweho mu gushyiraho gahunda yo gutanga raporo ivugwa mu Mabwiriza [agenewe Gerefiye] harimo kuzirikana ko "kugira ngo Abantu bimuriwe muri Nijeri babashe kugaragaza, mu buryo bukwiye, niba bemera cyangwa barwanya igisubizo, icyo ari cyo cyose kirimo gutekerezwaho, bagomba kumenyeshwa amakuru mashya yose ku rwego rukwoiye bitewe n'uko ibintu byifashe"[5];

---

[1] Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye, 19 Ukuboza 2022 ("Amabwiriza"), paje ya 3.
[2] Raporo ya 13 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 6 Werurwe 2025 (Inyandiko itari ibanga, ifite imigereka y'ibanga) ("Raporo ya 13"); Raporo ya 14 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 6 Gicurasi 2025 (Inyandiko itari ibanga, ifite umugereka w'ibanga) ("Raporo ya 14").
[3] [BYAKUWEMO].
[4] Imyanzuro ya Nteziryayo yerekeranye na Raporo ya 14 ya Gerefiye n'Icyifuzo gisaba ko hatangwa itegeko ryo gutanga amakuru y'inyongera, 20 Gicurasi 2025 (Inyandiko y'ibanga, ifite Imigereka 1-7 na yo y'ibanga) ("Icyifuzo"), paje ya 6. Nteziryayo yatanze inyandiko itari ibanga y'icyo Cyifuzo ku itariki ya 26 Gicurasi 2025.
[5] Icyemezo cyerekeranye na Gahunda yo gutanga raporo, 13 Kamena 2023, paje ya 2; Amabwiriza, paje ya 2 havugwa ku biri mu Cyemezo cya 2637 (2022) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, 22 Kamena 2022, igika cya 5.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NSHIMANGIRA KO** Gerefiye ari we uyobora ibikorwa bigamije kubonera umuti urambye ikibazo cy'Abantu bimuriwe muri Nijeri[6];

**MAZE KUBONA** ibikorwa Gerefiye akomeje gukora, mu rwego rwo gufasha Abantu bimuriwe muri Nijeri, nk'uko bigaragara mu maraporo atanga buri mezi abiri[7]**;**

**MAZE KUBONA KO** n'ubwo, nka Perezida, mfite inshingano yo kugenzura imirimo y'Ibiro bya Gerefiye, hashingiwe ku Ngingo ya 23 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya IRMCT, kuba Gerefiye ari we uyobora ibikorwa byerekeranye n'iki kibazo binsaba kubaha, ku gipimo runaka, ibyo akora, by'umwihariko ibyerekeranye n'ibibazo byihariye nko kumenya niba amakuru arebana n'ibyo avugana n'abayobozi bo muri Nijeri ashobora kumenyeshwa Abavoka bunganira Abantu bimuriwe muri Nijeri, igihe bakwiyegomba kuyamenyesherezwa n'ayo bamenyeshwa;

**MAZE KUBONA KO,** nkurikije uko ibintu bimeze ubu, nsanga inshingano mfite zo kugenzura ibikorwa bya Gerefiye zidasaba ko ntegeka ko hatangwa inyandiko y'inyongera;

**KUBERA IMPAMVU ZIMAZE KUVUGWA,**

---

[6] Nk'urugero, reba Icyemezo ku Cyifuzo cya François-Xavier Nzuwonemeye*,* 19 Ugushyingo 2024, paje ya 1; Itegeko ryerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko hatumizwa inama ntegurarubanza, 16 Mata 2024, paje ya 3; Itegeko ryo gutanga imyanzuro ku byerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko hatumizwa inama ntegurarubanza, 25 Mutarama 2024, paje ya 2; Icyemezo cyerekeranye n'ibyo Anatole Nsengiyumva asaba, 7 Ukuboza 2023, paje ya 2.

[7] Raporo ya 14; Raporo ya 13; Raporo ya 12 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 6 Mutarama 2025 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga); Raporo ya 11 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 1 Ugushyingo 2024 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga); Raporo ya 10 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 2 Nzeri 2024 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga); Raporo ya 9 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 5 Nyakanga 2024 (Inyandiko itari ibanga, ifite Imigereka y'ibanga); Raporo ya 8 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 6 Gicurasi 2024 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga n'indi y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa); Raporo ya 7 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 8 Werurwe 2024 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga n'undi w'ibanga kandi ufite abo utagomba kumenyeshwa); Raporo ya 6 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 9 Mutarama 2024 Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga n'indi y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa); Raporo ya 5 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 10 Ugushyingo 2023 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga n'undi w'ibanga kandi ufite abo utagomba kumenyeshwa); Raporo ya 4 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 11 Nzeri 2023 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga n'undi w'ibanga kandi ufite abo utagomba kumenyeshwa); Raporo ya 3 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 6 Nyakanga 2023 (Inyandiko itari ibanga, ifite Imigereka y'ibanga n'undi w'ibanga kandi ufite abo utagomba kumenyeshwa); Raporo ya 2 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 8 Gicurasi 2023 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga n'undi w'ibanga kandi ufite abo utagomba kumenyeshwa); Raporo ya 1 mu zo Gerefiye atanga buri mezi abiri yerekeranye n' "Andi Mabwiriza agenewe Gerefiye" yo ku itariki ya 19 Ukuboza 2022, 6 Werurwe 2023 (Inyandiko itari ibanga, ifite Imigereka y'ibanga).



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**SINEMEYE** icyo Cyifuzo, bitabujije ko Gerefiye, mu bushishozi bwe abonye bikwiye, yasuzuma niba yatanga ayo makuru asabwa mu maraporo ye y'ubutaha.

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 30 Gicurasi 2025,
Arusha, muri Tanzaniya.

**[Umukono]**

Graciela Gatti Santana
Perezida

**[Kashe ya IRMCT]**



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT